# Savoir sans Frontières

# Indurubuli z'Anselme Lanturlu

Jean~Pierre Petit





http://www.savoir-sans-frontieres.com

# IJAMBO LY'IBANZE

Cyera habayeho i "Borderie" ...




" Twebwe " tubumba ibyungo !
Sigaho, "Cornacul", rekeraho kunyeganyega mbone uko nkwikoreza ibyo tujya kugulisha !
Aha, dore wa musaza " Kroumir "

LE TROC


Ngaho, amafi ane ku cyungo kimwe
Oya, atandatu
Baracililikanya igihe kugirango baze kumvikana mu GUSHYIRAHO IBICIRO.
Maze se, wowe uraho ?
Ntako, murobera amafi.


Noneho we akanjugunyira gusa igituma ndamuka. Hali ukundi se nabigira ? Umugezi ni uw'umulyango wa "Kroumir", njye nkabankomoka kwa "Teuhl". AMATEGEKO akaba avuga ko bene "Kroumir" alibo bonyine bafite uburenganzira bwo kuroba muli uwo mugezi, imana "Kefal" yabahaye
Yee, ndabizi, i "Borderie" natwe dufite ibintu bimeze bityo.
Fata !
Ubuzima ni uko bwali bumeze . Ab'i "Borderie" bababumbyi baguranaga ibyungo amafi ya bene "Kroumir". Bene "Polaks" b'epfo bakabazanira umunyu. Uwo munyu bakawushyira ku mafi mbere yo kuyashyingura mu byungo; bigatuma bashobora kuyagulisha na bene "Polaks"...
UMUNSI UMWE ...
Ishyano lya rubagimpande ! Ni wowe ujyana ibyungo kwa bene Kroumir. Aliko kugirango batakulimanganya ngiye kukwigisha KUBARA.
Kugira gute ?



Ngiye kukwigisha IBANGA LY'INTOKI ? Umva, wa musenzi we, urabona ibiganza byawe ? Urabona ko bifite intoki ? Buli rutoki rukaba rufite ingingo ?
Sinali nkwiye kubikwigisha aliko nintabikora mwene "Kroumir" araza kukulimanganya.
Kandi njye, sinshaka abanyambura.
Reba, ukoresha igikumwe kugiragngo werekane ingingo, muli uyu murongo. Nurangiza uraba ugize IDUZENE. Ufate agashishwa k'igiti ko kwandika byose.
Ngaho genda, utazagira uwo umenera ilyo banga cyangwa imana "Wall" izakwihanira. Uraza kunyereka uko wabaze ! ...
Nuramuka unyibye, ndagushishura !


"Xbreuh" wawe ali he ?
Ntiyashoboye kuza. Rubagimpande yamufashe mu kirenge.
Dorere, amafi se ali he ?
Bene "Polaks" b'epfo bahise aha. Bali bagiye ku rugamba, bayatwaye hafi ya yose.
Nsigaranye makeya.
Maze se tubigize dute ? Singiye kandi gusubirana yo ibyungo ?





(*) Ubwo bulyo bwakoreshejwe nyuma yaho mu turere tumwe na tumwe two muli "Méditerranée".


Ibyo alibyo byose, two ntituremereye.
Uravuze ngo mwene "Kroumir" ni ibyo yaguhaye ?
Yego, kandi yongeyeho ko ngo ali kimwe ngo bashobora kubikwezeza aho wabaza hose ino aha.
Umenye, niba wambeshye.
Ni uko ni uko ! Abaturanyi bacu, bene "Tayaks", basuzuguraga ibyungo byanjye kugeza ubu, basimbukiye amafi y'icyuma. Nashoboye kuyagurana impu n'inyama.
N'umuti ntazi uko umeze uvura rubagimpande.
Yewe, uwo muti wagakoze koko !




IMIBEREHO ISHINGIYE KU IGURA




Ego Nyagasani, iyi mitwaro igenda iremera kurushaho !
Yemwe ! Ibi ni ibyadutse. Twa dufi dusigaye twanditseho.
Yee, ntabwo warubizi se ?
Bene "Polaks" b'epfo barwanaga na bo babonye bose. Baza kurakaza umwami "Numis" arabahagurukana. Bituma atwara igihugu cyose. Yabonye igitekerezo cy'udufi tw'icyuma gishimishije, yigarulira ubutaka bacukuramo amabuye y'icyuma ndetse naho baculira utwo dufi. Ubu niwe wenyine ubifitiye ubushobozi. Ashyira ikimenyetso cye kuli buli gafi.
Ikindi kandi : asongesha uwihaye wese kumwigana.
AYIWE !

Kwa mwami "Numis" :



Naho "Anselme", abumbira mwene "Xbreuh" w'i "Bordurie"ibyungo ishyano ni shyano.





(*) $12 \times 12 \times 12 = 1728$


(ikiganza gifite ingingo cùmu n'ebyili)


Byabagendekeye se bite, bwana ?
Bene "Tayaks ... ntibagishaka amafi y'icyuma.
Bityo, bityo ... birakururana...
Fata ibyungo byawe. Ndashaka amafi nya mafi !
cyangwa se umpere icyungo ku biganza bine by'ibiceli ...
Ibiganza bine !? Wataye umutwe !
Nyuma yaho !
Umwami arashaka ...
Jya kubwira uwo Mwami wawe ...
Ngo iki, wa musilikare we ? Ibiganza bine by'ibiceli ku ifi limwe !!!
Bamusonge !
Nyagasani, reka tugerageze kudahubuka. Kumwica ntacyo bihindura.
Tugerageze gutekereza uko ibintu biteye.
Bene "Polaks" b'epfo, ni bo bahimbye ayo MAFRANGA. Ni ubulyo umuntu abona bworoheje byinshi, aliko halimo agatotsi tutazi gatuma bitagenda neza.




Aliko kwa "Kroumir", ibyo byemezo bihambaye byafashwe n'Umwami "Numis" byateye ibindi bibazo :



IMBONEKA LIMWE IRAHENDA




Iyihe ?
gukoramo amafaranga !
Igihugu rero kimara igihe gifite IFARANGA LY'IGICIRO KIDAHINDAGULIKA. Mu igura no mu igulisha, IVUNJA, amafaranga aba aliyo yonyine akoreshwa. ARAHUNIKWA, ARABIKWA bigeze aho AZIGAMWA.
Uko bimeze kose ubucuruzi bukomeza gutera imbere. Mwene "Xbreuh" w'i "Bordurie" yemeza bene "Tayaks" kumugulira ibyungo, aba abiboneye ABAGUZI BASHYA, ISOKO LISHYA.
Umwami wa bene "Tayaks" yiga nawe umunezero wo kugura, noneho kubera amafranga yakuraga mu nyama zavuye mu guhiga ashobora kugura ibintu byiza byinshi.
BANKI
Kubera gutinya ko hagira uwiba amafaranga yazigamwe n'abaturage be, yiyemeza kuyabikisha umuturanyi utagira amakemwa, wemeye kuyabika ahantu yizeye, noneho akamuhembaho make akulikije igihe azayamugumanira.

IZAMUKA LY'IBICIRO LITEWE N'UBWIYONGERE BW'ABAGURA.




Yemwe, yemwe !?! Amagilibari mirongo itandatu !
Hum ... muzamuye ibiciro ?
Mwana wa, ni Imana "Wall" ishyiraho ibiciro. Kandi niba balimo gukomeza kwaka izindi ni uko zitabahenda.
Kugirango twotse ibyo bintazi by'ibyungo twatemye ishyamba twalimazeho.
Anselme, ibintu byose nabiteguye. Kuva ubu tuzajya twokesha ibyungo aya mavuta y'umukara, iyi mazutu.
IZAMUKA LY'IBICIRO LITEWE N'IHENDA LYO GUKORA IBINTU
Hum, mbega umwuka mubi !
Komeza ukore, ibindi ntibikureba ! ...

NYUMA Y'IMINSI MIKE





Aha, ndabibona. Ni uliya mukobwa ukora ku kiyaga wagushyize mu mutwe ibyo bitekerezo ! …
Ngo iliya bashinze "Koperative" cyangwa ikindi kintu nk'icyo !
Ndashaka amagilibari atanu ku munsi …
… n'umunsi w'ikiruhuko mu cyumweru
Amagilibari atanu ku munsi ! Urashaka ko mpfa !
Urashaka kudukenesha !
Urashaka gusenya urugo ? Ngomba kwishyura mazutu kandi igiciro cyayo kirakomeza kuzamuka !
Nimugabanure kunywa... umuti !
Amagilibari atanu ku munsi
Ego "Wall" ndimokurota, ni inzozi mbi.
Umva, nukora cyane, cyera nzakugororera …
Oya, amagilibari atanu ubu ngubu !
Aliko se urasha kugura iki mu mafaranga angana atyo ?
Nzaguramo ishati n'isabune !


Aha, ni ibyo ! Urashaka kwigira umusilimu, ejo uzabe wabaye ibandi, ejo bundi indaya !
Wintesha umutwe ?!! Njye icyo nshaka ni ISHATI !
Nshinzwe imitwalire yawe imbere ya "Wall"
Sinzatuma ubwawe wihemukira !
Niba ali ibyo, ibyungo byawe uzage ubyibumbira !
Mbega ubwiture buke ! We ungomba byose, nagabuliye ...
Hum, agati kanjye !
Kare mu gitondo :
Anselme, manuka vuba aha ! Ugomba kubumba ingofero z'aba "Broutchiens". Bazaza ejo.
Ndashaka amagilibari atanu ku munsi n'umunsi w'ikiruhuko mu cyumweru !



Si ibyo ndimokukubwira.
Hanuka yewe!
...amagilibari atanu
Yemwe, yemwe, mana "Wall" aba "Broutchiens". Ngiye gutakaza abakiliya.
Igilibari limwe ..
Oya, atanu !
... n'umunsi w'ikiruhuko !
Ngaho ndambyemeye ..
Ayo mpemba umukozi agomba kubarwa mu igiciro ..

IRUSHANWA


Anselme, uyu munsi ni ibiki byabafashe ?
Ntabwo mbizi
Murebe ingofero ikingira ibintu hafi ya byose !
Dushobora kuyambara ngo turebe ?
Murebe ? eee ... yego ...





Ubwo buvumbuzi, ubwo BULYO BUSHYA BWO GUKORA bwica ubucuruzi bwa bene "Xbreuh" w'i "Boderie" mu gihe gito...



ISOKO Y'AKAZI





Mu gihe Lanturlu ali mu nzira y'ubutayu y'UBUSHOMELI, ku nkombe y'ikiyaga, Sophia :







(*) Ahantu ibintu byose : ibyagezweho mu buhinzi, mu bikorwa ; imishahara ; igura ; bicungwa na leta (bitandukanye n'ubukungu bucungwa na buli wese)


Ibyo byose mbizi mu mutwe. Ko ibintu bihinduka, narabishakaga rwose. Tumaze kwica Kroumir sinamuliliye. Aliko se uzabigira ute kugirango abo bantu bose batongera kwitoramo imbura mikoro, abanebwe n'ibigolyi, ahubwo bagumye kuzilikana politiki ... Ese ubundi kuki bafata imilizo y'amafi twe bakaturekera imitwe ? Kuki halimo ilyo BERERWA ?
Ibitekerezo byawe bya kera bilimo kukubuza kubona ukuli. Ugomba kubirebera limwe byose aho kugirango ugende uninjura buli kantu.
Inyuma yiliya misozi i Borderie hali abantu bafite ABAGARAGU
Aha, noneho ino biraculitse !
Birakabije ! Ngiye kugukorera raporo ! ...
Kuli data w'abaturage !

Kwa Mwami Noumis :




Kuvuga biroroshye ... kuvuga biroroshye
Dore umuntu bajyanye ku ngoyi. Ntibamwororoheye. Icyaha cye kigomba kuba gikomeye.
Musikali, icyaha cy'uyu muntu ni ikihe ?
Yatanze sheki nta mafaranga afite kuli konte.
Hali abahisha zahabu yabo mu misozi mu myobo bizeye. Ikibazo ni uko hagati aho, iyo zahabu iba itagikoreshejwe.
Bituma ubucuruzi bugenda buhoro
Nuko rero hali abatekereje ubundi bulyo. Bandika ku gapapuro ko kemewe ku ma gilibari aya n'aya maze bagashyiraho umukono wabo. Utwo dupapuro nitwo bita sheki. Birumvikana ko amategeko abuza gutanga sheki ziruta amagilibari umuntu afite mu mwobo we, muli banki, igihano ni urupfu. Ushobora kugura ibintu utanze utwo dupapuro.
Kandi abantu bashobora kujya mu misozi kuvunja utwo dupapuro mu magilibari ya zahabu !
Urakoze wa musilikare we. Jya kuruhuka, kunsobanulire ibyo bintu byose bigomba kuba byatumye ubwenge buyaga.





AMAFARANGA Y'IGIPAPURO





Tuzabanza twakire zahabu y'abaturage bose muli banki yacu. Nibiba ngombwa tuzabasunika ... Noneho twe tubahe impapuro twanditseho amagilibari aya n'aya. Tuzakora kubulyo ntawe uzongera gukoresha ubundi bulyo agura.
Aliko ... ntabwo bizatugira abakire kurushaho !?
Aha, buretse, banza ntangiye kubyumva
Natwe tuzatanga izo gilibari z'impapuro. Zizaruta ubwinshi kure gilibari za zahabu.
Hum ... byali bitangiye kugaragara ko gilibari za zahabu zacu zalimo guta agaciro., aliko se ninde uzamenya ko alitwe dukora ayo AMAFARANGA Y'IGIPAPURO ?
Izaba inkuru ya mbere y'amasheki atagira amafaranga kuli konte.
Amafaranga y'ubuhendabwenge !
...Ikosa ! ...
Hmmm ?! ...
Oo, ntacyo mvuze, Nyagasani, ...


Buretse gato : nidukora amagilibari y'igipapuro menshi, abantu baba ibigolyi bagira bazabyibazaho. Kandi amagibari y'igipapuro naba menshi, menshi cyane, akaruta ubwinshi amagilibari ya zahabu, tuzananirwa kuyavunjira limwe, igilibari imwe y'igipapuro kuli imwe ya zahabu, kugirango akomeze KUNGANA.
Aliko : nshobora kwanga kuvunja ...
Nyagasani, ibyo bishobora gutuma abantu bose bata umutwe : abantu ntibongere KWIZERA AMAFARANGA Y'IGIPAPURO yacu.
Nidukora amagilibari y'impapuro akubye ubwinshi kabili amagibari ya zahabu, dupfa kuvunja ebyeli z'igipapuro kuli imwe ya zahabu.
Byaboneka nabi, Nyagasani ...
Mbonye uko tuzabigira : abantu nibamara kutuzanira gilibari za zahabu zabo, tuzaziyengesha !
Maze se bitange iki ?
ZAHABU gusa …


Indurubuli y'amasheki atagira amafaranga kuli konte yatangiye atyo mu mateka y'iyo Ngoma. Ibintu bigenda nk'uko bali babiteganyije. Abantu bazana amagilibari ya zahabu yabo, ahita avumbikwa ayengeshwamo zahabu, nti hagira uwongera kuyumva. Umwami Numis yandikisha inote ishyano lyose, abantu bihutira kuziguramo ibintu hilya no hino. Birumvikana, ibiciro birazamuka kimwe na zahabu. Aliko kuko byose byahendaga ntihagira uwongera kumenya ifaranga lya kera ly'i Borderie …
Iyo mikorere yali ikwiye kohereza buli munya "borderie" wese mu munyururu bayise UBUKUNGU BW'IGIHUGU.
Gilibari Mirongo Itanu
50
BANKI Y'I BORDERIE
387056
Nkuko byumvikana Numis acira urwo gupfa abashatse bose kwikorera ku giti cyabo UBUKUNGU.


Mbere yo kugirango abantu bafate amafaranga, bagombaga kuliha imisoro myinshi
Ubulyo bw'ubusenzi
Akl...


Numis akomeza guca imisoro, aliko kubera ko yashoboraga kongera uko ashatse AMAFARANGA Y'IGIHUGU, nta na limwe yigeze abura amafaranga y'igipapuro yo gukulikira IZAMUKA LY'IBICIRO yali yarateye. Hagati aho ibiciro bikomeza kuzamuka, kuzamuka.
Aliko imikorerere izana ubukungu i Borderie yali yinjiye mu GIHE CY' INGANDA kandi ilimo guteraimbere. Mu gihugu cyose bubakaga inganda, abanya"borderie" bakoramo ali abakozi bahembwa. Inyinshi ali iza Numis n'umulyango we, baguze … amafaranga y'igipapuro.


Kubera izamuka ly'ibiciro abakozi baka ko imishahara yabo yongerwa.
Nuko, limwe na limwe bakigaragambyana amahane :
NTA MISHAHARA YO MUNSI
Y'AMAGILIBARI 100 !
TURAMBIWE
IMISHAHARA YA
KWISONGERO
UMUJURA !...
Icyo kwandikaho, wino, vuba …
Mu gihe gito, byatumaga abantu biyibeshyamo abakire
Aha, yageze aho arayarekura, amagilibali ye
Twatsinze ega ye !
Twatsinze !


Abantu bihutira mu maduka kugura ibintu
Kugirango yizere KONGERA INYUNGU ye, umucuruzi nawe, ni mugoroba akazamura ibiciro
800 G
900 G
Niba bakomeza kugura ni uko bidahenze bihagije, kw'izina lya "Wall" !
Ugomba kongeraho n'umushahara w'uyu twagombye gufata ngo adufashe
Uko bihinduka, niko mbona ali ha handi, ali kimwe.
Simbyumva !
Amagilibali magana abili ! Mu myaka icumi ishize nahembwaga atanu !
Aliko se wabonye ibiciro ?
900 G


Ego iby'ubu !
Nibaza iyo ibi byose bizatugeza
Kwa SOPHIA Feye z'ubwoko bwose ...
?
Sophia !
Anselme !
Ibyo ni ibiki ulimo gukora ?
Nkuko ubibona nalivuguruye
Nagiye kwiga amabanga y 'abakurambere
Imihanuro y'abakurambere kuki muyihinyura ?
Urashaka kuvuga … kuragura ?
aha, uhise rero ubikabiliza !


Nta bumenyi butali ibanga
Hmm ...
Ngulisha imiti y'ibitotsi, y'ububabare, y'ibiroto, za vitamine, ...
Bikagenda se ?
Ntacyo mbaye ... mu nzara, igihe abantu baburaraga naronse amagilibari ibihumbi magana atandatu.
Gilibari ibihumbi magana atandatu !
Maze se … ibi byose wowe urabyemera ?
SCIENCE POLITIQUE
KEYNES
LE CAPITAL
Urabize, ibyo alibyo byose, umuntu agomba kubona ikimutunga …




Ukize cyangwa ukennye bitwaye iki mu gihe ufite amafaranga …
HA ! HA ! HA !
Kuli ubu butindi bw'isi, ndabona ikintu kimwe gusa amafaranga atagura ...
Ntabwo ufinda icyo alicyo ? …
Eee…oya
e… yego
Sinjye wahera …
Reka tubapfe agasoni dupfuke iki gice k'inkuru …


Bukeye bwaho :







(*) umwalishimisiti w'imena



Sophia ?
Ndi hano ...
Kandi mana y'abakurambere tuli he ?
Ntabwo nyamara twavuye aho twali tuli. Aliko kuko uwo musenzi ngo ni Anselme yitiranyije icyayi n'ibibabi by'IGITI CY'INZUZI, twahinduye igihe
Mwabonye izi mashini zose !
Bite ! Ni ubwambere ubonye IMASHINI Y'UBUKUNGU.
Ye ... ni nde uvuze ?
Ni njyewe . Ndi Dogiteri "Tirésias" ndi umucunzi w'ubukungu ...




(*) Izina liva kuli ERGOS mu kigereki : akazi



IBYAGEZWEHO
IBIGURWA
Iyo izo pompe zombi zigendera limwe : nta kibazo.
Aliko iyo pompe y'ibigurwa yirukanse, UMUGEZI W'UBUKUNGU uba ufunguye mu mpezo ya tiyo. Kuko ERGOL idahindura umubyimba ntishobora gufungurwa cyangwa gukomezwa, ni udupira tw'umwuka tubyimba noneho uburemere bwa fuluze BUKAGABANUKA.
Niko, Dogiteri "Tirésias" , igabanuka ly'uburemere bwa FULUZE lyibutsa ITA AGACIRO LY'IFARANGA lyatewe n'IZAMUKA LIKABIJE LY'IBICIRO.
Ni uko ni ibyo !


UMUVUDUKO ya pompe y' IBYAGEZWEHO ni IBIDANDAZWA ; naho ivudukaya pompe y' IBIGURWA ni IBIKENEWE.
Iyo iyo mivuduko yombi ingana cyangwa zihinduka kimwe, mu NJYANA IMWE, FULUZE igumana uburemere bumwe : IBICIRO NTIHINDAGULIKE
Iyo pompe y' IBIGURWA itangiye gukurura cyane naho INJYANA Y'IBYAGEZWEHO ntikulikire, rero FULUZE iratubuka ; uburemere bwayo bukagabanuka noneho IBICIRO bikazamuka.
Buretse …
IBYAGEZWEHO
IBIGURWA
FULUZE iremera kurushaho : ibiciro BIKAMANUKA.
Noneho se iyo aho kungirango byiyongere iyo ibigurwa BIGABANUTSE ?
Ni kimwe niyo INJYANA Y'IBIGURWA idahinduka, IBYAGEZWEHO bikagenda buhoro : FULUZE iratubuka noneho ibiciro bikaguruka. Iyo IBYAGEZWEHO byihuse, IBYAGEZWEHO BIRENGEJE URUGERO bitsindagira FULUZE noneho ibiciro BIKAMANUKA.
IBYAGEZWEHO
IBIGURWA



Niyo mpamvu, ibiciro bulya BYISHYIRAHO bigereranyije IBIGURWA n'IBYAGEZWEHO, hamwe n'IBIKENEWE n'IBIDANDAZWA.
Muli pompe y' IBYAGEZWEHO hali IBIRO bicamo bya ERGOL mw'isogonda.
Iyo ruhurura y'IBIRO ni imwe nkihita muli pompe y'IBIGURWA
Igereranyo ly'umuvuduko mu mubyimba no mu biro bya ERGOL muli pompe y'IBIGURWA, yitwa IGENGA LY'IBICIRO
Reka twitegereze iyi MASHINI Y'UBUKUNGU neza
Wagirango ni imashini ikora ubudahagarara
ICYUMA CY'IBYAGEZWEHO
MOTERI Y'IBIGURWA
ROBINE Z'IMISHAHARA
IGENGA LY'IBICIRO
TURUBINE + DINAMO
INZIRA Z'UBUCURUZI
AMPARIMETERO IPIMA UBUSHOBOZI BW'INGUZI






ITEGEKO LYA KABILI LY'UBUTEMBERE BWA FULUZE




SEGITERI IGERA
§ ITAGERA KU BINTU





Ngiyi imashini y'ibyagezweho .
POMPE YA MBERE NA MBERE
y'akazi kose kazana ubukungu.
Maze se akazi kazana ubukungu
bagapima bate ?
Reba, AKAZI KAZANA UBUKUNGU kangana na :
½ IBIRO BYA ERGOL X ( UMUVUDUKO W'UKO ITEMBERA)2
Mu magambo make ni zo MBARAGA
ZISHOBORA GUKORESHWA
Urugero rupima UBUHAGE BW'UBUKUNGU ni BARO
Ndatekereza ko ipimishwa
na BAROMETERO



Kugirango bagure akazi kazana ubukungu, bashobora kongera IBIRO BYA ERGOL, alibyo bivuga UMUBARE W'AKAZI KAKOZWE. Aliko ni ngombwa kurushaho kwiga neza ukuntu ako kazi gakoreshejwe, gatanzwe, alibyo bivuga UBUKORWA BW'IBINTU.
Yee, gushaka imashini irushijeho kuba nini ni byo byiza, imashini y'ubu, ifite amatiyo manini n'insinga z'umuliro nini, aho kongera inshuro ebyili cyangwa eshatu ibyuma by'imashini ya cyera.
Hali ikintu gikomeza kunyobera : ni nde utegeka umubyimba wa FULUZE bashyira mu mashini y'ubukungu ?

ITERA IMBERE LY'UBUKUNGU N'AMAFRANGA Y'IGIHUGU






Tekereza ko tuli mu gihe cy'itera imbere ly'ubukungu. Max, urakina umukozi wo muli segiteri igera ku bintu, naho wowe, Albert, umukozi wo muli segiteri itagera ku bintu.
Kubera iki itagera ku bintu ? ...
Urakina ABAFASHA, abo MU BIRO
Ku mashini y'ubukungu hacometsweho ikindi CYUMBA CY'IBYAGEZWEHO. Byose biragenda neza. Ku gipimo cy'ubuhage bw'ubukungu handitseho baro cumi n'ebyili zirenga.
Kongeraho ikindi cyumba cy'ibyagezweho bizatanga AKAZI bigabanure SHOMAJE. Aliko ikibazo cy'imishahara kizakara.
SALAIRES
Turaka ubwiyongere bw'umuvuduko !
Sawa, nkohereje ubwiyongere bw'umuvuduko
IBICIRO ... ni byo ... buhoro ...
Uburemere buliyongera. Ntabwo tulimo gutakaza cyane mu NZIRA Z'AMASOKO.
Umuvuduko wa ERGOL muli pompe yo kujyana mu masoko uliyongera. Imibereho iratera imbere.





ISHORA LY'AMAFRANGA




UMUTAHE, INYUNGU, UMUSORO, UMUZIGAMO





Itembera lya FULUZE libogamiwe n'amayoba nzira menshi n'ibihombo bitewe n'ibigombwa kulihwa hilya no hino. Mu mpera ya pompe y'ibyagezweho, idatindijemo, ERGOL ikoresha ikigurudumu gifatanye n'icyuma gitanga ingufu. Igice kimwe cy'izo ngufu cyoherezwa mu nzira z'imfashanyo zitwa IMPAMBA Y'AMAHIRA. Ikindi gice kikajya kwishyura UMUTUNGO UGENDA MU BYAGEZWEHO naho ingufu zisigaye zikayoborwa mu gushyushya amazi yo koza ibirenge bya bwana FULUZEMAKER.



Dore hano bwana FULUZEMAKER
Hilya inzira z' IMPAMBA Y'AMAHIRA
IMPAMBA Y'AMAHIRA
IKIRUHUKO CY'IZABUKURU
IMPAMBA Y'IMILYANGO
SHOMAJE
UMUTAHE
Mu icupa lyo kwagura, FULUZEMAKER ahunikamo FULUZE, iyo ahinduye ingufu z'imbaraga zituma ERGOL itemba mu ngufu z'imbaraga isanganywe : ITANGIZO
UMWENDA WA BANKI YA LETA
ISHORA IMALI
INGU-ZANYO
INYUNGU UKUYEMO IMISORO
UMUZIGAMO
MU NZIRA Z'IBISHYA N'IBIZAVUGURURWA


Ingunguru y'UMUTAHE igemulirwa n'INYUNGU ISIGARA UKUYEMO IMISORO, hamwe n'ikindi kintu bita UMUZIGAMO.
Naho FULUZE y'ilyo cupa ly'ukwagura ishobora koherezwa mu bigurudumu bifatanye n'ibyuma bitanga ingufu. Imwe igemulira imashini yanjye imwe y'ibishya n'ibivugururwa. Indi ikitwa INGUZANYO Z'UBUCURUZI.
Ku rundi ruhande, IMPANUKA Y'IMALI ifite umubiko wenda gusa utyo. Iwugemulisha IMISORO. Irabanza igafata UMUSORO KU NYUNGU Z'UBUCURUZI. Hanyuma UMUSORO KU MUTUNGO. Nyuma mu itangiliro ya POMPE Y'IBIGURWA ikahakura UMUSORO WO KU BUNDI BUKUNGU naguha urugero rw'ISHA (umusoro baca kunyongera bukungu).
UMUTAHE
UMUBIKO WA LETA
IGENGA INGUZANYO
IMISORO
ITWERERANO, IMFASHANYO
UMUZIGAMO
UMUSORO KU NYUNGU
UMUSORO KU MUTUNGO
INGUZANYO ZAFASHWE NA LETA
UMUSORO KU BUNDI BUKUNGU
IMILIHIRE YA LETA
Nyagasani ..



Aha, reba IMILIHE YA LETA
INGABO
UBURERE - UBUSHAKASHATSI
IMIBEREHO Y'ABATURAGE
RF
Iyi, ndakekako ali GALIYAMOSHI YA LETA
Naho UMUZIGAMO, INGUZANYO, byo bigenda bite ?
Ayo macupa yose y'ukwagura agize UMUTAHE n'UMUBIKO WA LETA afite IBIYAGENGA. Twabonye ko IMASHINI Y'UBUKUNGU ihora IHUNGABANA, kubera isopana ya buli gihe y'IBYAGEZWEHO n'IBIGURWA, ibigurwa bikaba bihora bishaka gusara bikazamura IBICIRO.
Noneho babwiliza abakozi gushyira FULUZE ya bo muli ayo macupa abili y'ukwagura...






(*) Banki ya rubanda, ibikorwa.


HASHIZE IMINSI MIKE ...




GUTERA IMBERE K'UBUKUNGU nyako ntabwo ali ukwiyongera umubyimba kwa FULUZE izunguruka, ni ubwa ERGOL ilimo. Nkuko izamuka y'IMIBEREHO atali UMUVUDUKO (umushahara) ali UBUREMERE (UBUSHOBOZI BWO KUGURA)
Nta kundi umuntu yakibikira FULUZE ye ?
Kugirango igumane IBIRO BIDAHINDAGULIKA, ugomba KUYIKONJESHAMO URUBURA
Icyo ni igitekerezo ! Kugirango twilinde IZAMUKA LIKABIJE LY'IBICIRO, iyo ndwara yamaze ubukungu, tugomba twese kuyikonjeshamo urubura.
Maze se FULUZE nt'ita icyo bayikundiraga, cyali itemba lyayo.
GUHINDURA IMITAHE URUBURA, bihagalika imashini y'ubukungu.





(*) IHUZA LY'UBUKUNGU BW'ISI YOSE tuzabuvuga mu gitabo kizakulikira :
" L'inflatron international "


Dore, nguyo wa MUTERAMWAKU
Reka turebe amabaruwa
Yewe ga ...
Yewe ga ! ...
Bongereye ibiciro !
Ishishishi ! amazi natumbitsemo ibirenge byanjye alimo gukonja !
ICYO BISHYURA KUGIRANGO HABEHO
Birumvikana. Umuliro wose wigendara mu nzira Z'IBYO BISHYURA KUGIRANGO HABEHO IBYAGEZWEHO
IMPAMBA Y'AMAHINA





Yemwe ba sha, tulimo guta amaturu n'uguhaga k'umwuka kulimo kugwa
Bigenze bite ?
Fuluzemaker yafunze ibyumba by'ibyagezweho BITUNGUKA.
SHOMAJE iliyongera
SHOMAJE
SHOMAJE
SHOMAJE
Ni ibiki ulimo gukora ?
Nigiliye inama yo kugura mbere yuko ibiciro bizamuka. Nfuguye UMUZIGAMO wanjye nake n'INGUZANYO
Naho se Fuluzemaker we arakora iki ?
Ndatekerezako alimo kwinjiza rwihishwa umwuka mu nguguru ye (IZAMUKA CYANE LY'IBICIRO LITEWE NITANGA LY'INGUZANYO)
Biravugako Flouzemaker acura ... amafaranga ?
Oya, sibyo neza neza ... aliko ubwo bulyo bw'amabanki, izo mpapuro zose, izo nyemera z'inguzanyo ... ibyo byose bigera aho bigasa nk'amafaranga. Umunsi umwe, hagize uwoza ingunguru ya Flouzemaker twabona ibitangaza ...



Kwitabaza INGUZANYO no guta ICYIZERO byasalishije IBIGURWA noneho ibiciro BIRASARA ...
Ilyo lyirukira kwaka inguzanyo ligomba guhagalikwa
Fuluzemaker aguliza FULUZE nyinshi abantu. Aliko nanjye ndayimuguliza.
Noneho se buli muntu afite uwo aguliza ?
Yewe, urabizi, muli izo gulizana halimo impuha nyinshi
Ngiye kugabanura inguzanyo namuhaga biratuma abanza agatekereza mbere yo kuguliza uko abonye ...
Eee, ayo nashoyemo !!
Yee. Twahagalitse gato icyo kibazo cy'inguzanyo. Aliko mu BUBIKO BWA LETA ibintu biragabanuka huti huti ...
Umuntu yabigira ate ? Kongera imisoro yo ku mutungo ? ... imisoro yo ku bundi bukungu ... imisoro yo ku nyungu z'ubucuruzi ? ...
Imisoro yose ...



Turashaka ko umuvuduko yongerwa !
Bwana MUTERAMWAKU, ihaga mu matiyo ilimo kugwa, BAROMETERO yamanutse
Umubiko urenda kuduhamagara !
Ninde wanshyiliyeho iki kintazi !?!
Nyakubahwa
Ni itara linini likoreshwa n'amashanyarazi ligemulirwa n'umubiko wa leta.
Bigatuma batubonerą kure
Nyakubahwa
Yee ! ? Lizimye vuba cyangwa uradutemesha !
Ubwiyongere bw'umuvuduko cyangwa turekeraho KUZUNGURUTSA
Yego, yego ... muli aka kanya
Hasigaye igisubizo kimwe gusa


MUTERAMWAKU arakora iki ?
Alimo gucomeka ibingunguru binini cyane aho FULUZE inyura
Akongera kuzuza UBUBIKO BWA LETA
Izi ngunguru zibaye zibitswe ni nini cyane, biraturema umutima. Aliko se halimo iki ?
Sinakubeshya
Aha, ngaho bashyize bongera umuvuduko. Bali batinze !
Mbega uburemere.
Pompe y'ibigurwa irakora byasaze
Yewe, itonde ! Ibiciro !!!


Ske, ntacyo, imashini irushijeho gukora neza, amapompe aratanga umuvuduko mwiza
Yego, aliko reba : imiremere ilimo kugabanuka ahantu hose !
Hali ikitagenda. Ilingi lirazenguruka, lyahejeje mu muvuduko, aliko ntihagire icyo bitanga
SALAIRES
Ni iki MUTERAMWAKU yashyize mu mugezi w'ubukungu ? ! ?
Reka tujye kureba izo nguguru
Urugi ?
Reka twinjire
Zilimo UBUSA !!!




Uravuga ko izi ngunguru nazo UBU zashize ?
Oya, ntacyigezemo, igihe cyose ZALIMO UBUSA !
Bimeze nk'iyo NTA BUKUNGU ?
Ni UBUSA nya busa ?
Iyo ntakigenda, ABATERAMWAKU bose babigenza kimwe. Batera urushinge rw'umupira munini w'IMPUHA mu matiyo. Bikabanza bigasunika FULUZE, ni nkaho bayiteye AKANYABUGABO
Aliko FULUZE igeraho ikivanga, maze igata uburemere
Ibiciro bikazamuka
UMUZIGAMO ugata agaciro
Ayiwe, nanjye ngiye kubikuza umuzigamo wanjye
N'umutahe nawo ...
FLOUZEMAKER !


Guhungisha umutungo mu mahanga !
Mbega umusenzi !!!
Tuhagereye igihe ! ...
Fuluzemaker,
nkeneye imitahe yawa
Wikigira nk'umwana !
Yagiye he ?
Yemwe, yakonje
urubura !!!
Yasize yanditse ...
Ntimwongere imishahara, mugabanure imisoro
ku nyungu z'ubucuruzi, impamba y'amahina
kandi mutange imfashanyo kubashaka gushora imali.
Mor Fuluzemaker
Aliko se... , ubushobozi bwo kugura bugiye kugabanuka. Abantu barakare.
Noneho pompe y'ibigurwa ite amaturu yo kuzenguruka.


Reka tubanze tuzigame gato ilyo shyano lya peteroli !
FULUZE yataye agaciro. Ily'iyongere ly'umuvuduko !!
SALAÏRES
Twe, twali twarabivuze !
Birakabije !
Igihombo adashobora gusimbuka ! ...
Kandi igihe nali MUTERAMWAKU byali bibi kurushaho ...


Dorere, ikindi cyumba cy'ibyagezweho bacomokoye
Bagombye kubaka ikindi... ibindi byinshi cyane ...
UGUKORA IBISHYA IMIVUGURURO
Bwana MUTERAMWAKU ...
Uwakongera ngashinga indi minisiteri ? ... cyangwa sekretariya ya leta ? ...
Ye ?
Bwana MUTERAMWAKU, igisigaye cyonyine ni ugutera amaguru ya sarwaya. Tugomba GUKORA IBINTU BISHYA, gutekereza ibyuma by'ibyagezweho bivuguruye.
Tugomba gutera imbere mu BUHIMBYI.


Yego ... yego ... uravuga ukuli
UBUBIKO BWA LETA
SUBVENTIONS
IMFASHANYO
UBUSHAKASHATSI
Maze ?
Ntacyo ! ...
Ibyago mu gihugu cyacu ni ibyo DUTAKAZA MU MAYIRA ...
Sinjye wahera